



Izindi nkuru zacu zasohotse



Illustrated by Rupert Bazambanza rbazambanza@yahoo.ca



Sugira

RUBYIRUKO
TWIRINDE INDA ZIDATEGANIJWE

Igice cya 3



HDP
HEALTH DEVELOPMENT AND PERFORMANCE

rbc RWANDA
BIOFINANCIAL CENTER
A Healthy People, A Healthy Nation

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISTERI Y'UBUZIMA

IJAMBO RY'IBANZE

Mu rwego rwo gukangurira urubyiruko kwitabira gahunda zibagezaho amakuru no gutanga serivisi zижyanye n'ubuzima bw'imyororokere mu turere twose ikoreramo, HDP yatangiye igikorwa cy'ubukangurambaga hakoreshejwe inkuru zishushanyije nkaka gatabo, imyidagaduro by'umwihariko ikinamico ikubiyemo ubutumwa bwerekereye ubuzima bw'imyororokere kandi bujyanye n'ubuzima busanzwe urubyiruko rwinshi rubamo mu cyaro ndetse no mu migi.

Guteza imbere ubuzima bw'imyororokere mu rubyiruko ni bumwe mu buryo bwo kurwongerera amahirwe yo kubaho neza mu bihe biri imbere no kurufasha kwigirira akamaro no kukagirira igihugu. Abangavu, ingimbi, abasore ndetse n'inkumi bakiva mu bwana, bose usanga bakeneye amakuru yerekeye ubuzima bw'imyororokere bagamije gusubiza bimwe mu bibazo bibaza bijyanye n'imihindagurikire y'umubiri wabo. Ahanini ibyo batabwiwe n'ababyeyi babo cyangwa ngo babikure mu ishuri, usanga babikura hirya no hino, mu rungano cyangwa se bakiyambaza itangazamakuru, ibitabo ndetse rimwe na rimwe ikoranabuhanga mu itumanaho.

Akensi amakuru babonera aho hose, hari ubwo usanga agoretse ku buryo yayobya urubyiruko bityo rukishora mu mibonano mpuzabitsina imburagihe kandi idakingiye aho bashobora guhura n'ibyago byo kwanndura virusi itera Sida n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ndetse no gutwara inda zidateganijwe. Ingaruka akaba ari ugucikiriza mashuri, ukudindira mu iterambere, kuba ababyeyi bakiri bato, n'ibindi.

Intego

- Aka gatabo kagamije gushishikariza ababyeyi kuganiriza abana babo ku byerekeye ibibazo by'ubuzima bw'imyororokere;
- Kugeza ubutumwa bujyanye n'ubuzima bw'imyororokere ku bantu benshi;
- Gukangurira urubyiruko kugira imyumvire n'imyitwarire iboneye ku byerekeye ubuzima bw'imyororokere;
- Gutanga amakuru y'aho serivisi z'ubuzima bw'imyororokere zitangirwa nko mu bigo by'urubyiruko (youth centers), mu byumba by'urubyiruko (coins de jeunes) biri mu mu bigo nderabuzima, muri za clubs zitandukanye z'urubyiruko.

Umuryango wa Kamana wari ufilet umuco mwiza wo kuganira kenshi hagati y'abana n'ababyeyi...




Akensi yajyaga gutabwa ku kirwa kitaruye aho atazongera kugaruka mu bandi...





Nibyo koko inda zidateganiwe ni ishyano iwacu! Njye mbona biva ku mateka yacu.



Cyera iyo umukobwa yatwaraga inda idateganiwe yaracibwaga mu muryango nyarwanda...



Bamwe bahitaga biyahura, abandi bakaribwa n'inyamaswa cyangwa bagashimutwa n'abanyamahanga...



Byabaga ari igisebo gikomeye cyane ku muryango we, cyane cyane kuri nyina umubyara kuko byagaragazaga ko yamureze nabi...

Murabona ikimwaro muduteje koko!?



Nubwo ubu umukobwa utwaye inda idateganijwe atakirohwa, biracyafatwa nabi cyane mu Rwanda rwacu.

Cyera byose byashyirwaga ku gitsina gore gusa ariko ubu bireba buri wese. Niyo mpamvu ari byiza kubiganiraho hakiri kare mukazirinda ko byazababaho.



Urubyiruko rw'ubu mufite ibishuko byinshi byatumwa mutwara cyangwa mugatera inda zidateganijwe kurusha abacyera. Amahirwe na none ni uko amajyambere yazanye n'uburyo bwinshi bwo kuzirinda abacyera batari bafite. Ikingenzi ni ukumenya kwifata no kwihesha agaciro.




Njye nzirinda icyantera cyose kubakoza isoni.





Ni byiza Mugeni, ababyeyi turahari, ku nama zose wazadukeneraho. Ntacyo mwa-gombye kuduhisha kuko burya ibibi ni ibikorerwa mu bwihiho.















Ubwo busabane iyo bumaze kuba bituma tubagira inama zo kwirinda inda zidategani jwe kimwe n'indwara zan-

durira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye. Ubwo burere nabwo barabukene ye hakiri kare



Ko twacanye mu bigeragezo byakugendekeye gute?

Ngiye kubibwira iwanyu.